


# Imvura n'izuba



Imwe mu nkuru zahize izindi mu irushanwa  
**ANDIKA RWANDA 2019**

# MUMPE URUBUGA NSOME!



## MUBYEYI, DORE UBURYO WAFASHA UMWANA GUSOMA

- Ha umwanya umwana agusomere inkuru cyangwa umuvugo. Nawe kandi ushobora kumusomera.
- Fasha umwana gutekereza ku byo asoma cyangwa umusomera ugenda umubazaho ibibazo.
- Mu gihe murangije gusoma inkuru cyangwa umuvugo, ha umwana umukoro umufasha kwimenyereza kwandika inkuru.

## UMUKORO

Saba umwana kwandika inkuru ku ifoto imanitse mu ruganiriro, ku muntu runaka wo mu rugo, ku bindi bintu ubona hanze...Umwana ashobora kubyandika cyangwa akabishushanya, hanyuma ukamuha umwanya wo kubigusobanurira.

# IBISOBANURO KU MUBARE WANDITSE KU GIFUNIKO CY'AGATABO

- Ku gifuniko cy'aka gatabo hariho umubare. Uyu mubare, werekana ikiciro agatabo karimo, si umwaka umwana yigamo.
- Hakurikijwe uko inkuru yanditsemo yoroshye gusoma no kumva, cyangwa ikomeye, agatabo gashobora kuba mu kiciro cya 1, 2, 3, 4, 5. Bityo, inkuru yoroha duhereye ku kiciro cya mbere.
- Agatabo kari mu kiciro kimwe gashobora gusomwa cyangwa gusomerwa umwana wiga mu mwaka wa 1, uwiga mu wa 2, n'uwiga mu wa 3, bitewe n'ikigero umwana agezeho mu kumenya gusoma.


Babyeyi, turabashimira ko muha abana nibura iminota 15 yo gusoma ibitabo buri muni, kandi mukaba muri kumwe na bo igihe basoma.

# Imvura n'izuba



Imwe mu nkuru zahize izindi mu irushanwa  
**ANDIKA RWANDA 2019**


TUYISINGIZE Flora, yanditse iyi nkuru afite imyaka 13, yiga mu mwaka wa 6 w'amashuri abanza, mu Rwunge rw'Amashuri rwa Cyiya, Akarere ka Nyamasheke, Intara y'Iburengerazuba. Iyi nkuru ye, IMVURA N'IZUBA ni imwe mu zahize izindi mu irushanwa rya Andika Rwanda 2019.




Imvura n'izuba byakundaga kujya impaka, bigahora bicyocyorana. Imvura ikavuga ko ari yo ifitiye ibiri ku isi akamaro. Izuba na ryo rikavuga ko ridahari ibyo ku isi bitabaho.



Imvura n'izuba byafataga ibiremwa byo ku isi nk'inshuti zabyo. Buri cyose kigahora cyumva cyakora uko gishoboye ngo byishime.




Imvura ikagwa, ibintu byo ku isi  
bikamera neza, ibiribwa bikaboneka.  
Izuba rikava mu rugero, ibyo ku isi  
ntibigire ikibazo.



Umunsi umwe, izuba riribwira riti : “Reka nshane cyane inshuti zange zishime.” Nuko izuba riracana karahava. Ibintu byose byari ku isi biraryinuba.







Ubushyuhe buba bwinshi. Imigezi irakama, amazi aba make, ibimera na byo bitangira kuma. Hadateye kabiri, ibyo ku isi byose bivugira icyarimwe biti : “Turashaka imvura.”




Imvura yumvise ibyo ku isi biyishaka irishima cyane. Muri ako kanya, ibicu birahinduka, umuyaga na wo uhuha ari mwinshi.




Imvura nyinshi iragwa, inzuzi ziruzura,  
umwuzure uratera utwara abantu n'ibyabo.  
Imisozi irariduka, inyamaswa zibura aho  
zihungira, ibintu ku isi biradogera.




Ibintu byose byari ku isi birashoberwa.  
Bitangira kwamagana izuba n'imvura. Izuba  
n'imvura bibonye bigira agahinda maze  
bijya kwihisha. Izuba ntiryongera gucana ku  
isi haba umwijima. Imvura na yo ntiyongera  
kugwa. Ibicu bigahora bizerera mu kirere.




Ibiremwa byo ku isi bijya gushaka umuntu kuko yari umutware. Maze bimutura agahinda kabyo. Bimubwira ko bidashobora kwihanganira imyitwarire mibi y'imvura n'izuba.



Umuntu abonye ibintu bikomeye, atumira ibiremwa byose mu nama. Atumira kandi imvura n'izuba. Umunsi w'inama ugeze, iritabirwa. Abaje mu nama bose bari barakariye cyane imvura n'izuba.




Umuntu atangira inama. Abwira imvura n'izuba ibyifuzo by'ibiremwa byo ku isi. Aravuga ati: "Ibiri ku isi birifuza imvura iringaniye. Ikindi kandi birifuza n'izuba riringaniye."




Umuntu yerekana ibyangiritse byose ku isi. Imvura n'izuba bibonye birumirwa. Izuba n'imvura bisaba abari aho imbabazi, kubera ibibazo byateje ku isi.





Izuba ritaha rifite isoni, maze rikwirakwiza imirasire myiza ibereye ijisho. Bukeye ryerekana ubwirakabiri, ibiremwa bitangarira ukuntu izuba riri inyuma y'ukwezi.



Imvura na yo igwa mu rugero itanga  
amahoro ku isi.  
Ikajya imanura ibitonyanga izuba riva,  
hakaza umukororombya.  
Kuva ubwo, imvura n'izuba bibana mu  
mahoro, bikajya bisimburana iteka.

This work is licensed under Creative Commons Attribution-NoDerivatives 4.0 International (CC BY-ND 4.0). To view a copy of this license, visit <https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/>. This work is an adaptation of materials originally prepared as part of the Rwanda Education Board's Andika Rwanda writing contest. Under this license, you are free to copy, distribute, and transmit this work as long you provide attribution as follows: "This work is an adaptation of materials originally prepared as part of the Rwanda Education Board's Andika Rwanda writing contest; it was developed through collaboration between the Rwanda Education Board (REB) and the United States Agency for International Development (USAID)." More details on permissions under this license can be found at <https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/>." Distribution of adaptations of this work are not permitted under this license without the permission of the copyright holder.

